**Kigali, kuwa 6 Mutarama 2022**

**IMVURA ITEGANYIJWE MURI MUTARAMA NA GASHYANTARE 2022**

Mutarama kugeza muri Gashyantare 2022, hateganyijwe imvura iringaniye muri rusange ariko hari aho iyi mvura ishobora kuzaba nyinshi hashingiwe ku miterere yaho.

Ubusanzwe hashingiwe ku ishusho y'imigwire y'imvura mu gihe kirekire, mu gihe cy'aya mezi abiri mu Rwanda haboneka imvura iringaniye. Muri rusange hateganyijwe imvura nk'isanzwe igwa mu bihe byiza ariko ishobora kwiyongera gake mu majyepfo y'iburengerazuba bw'igihugu.

Ibi biraterwa nuko ubushyuhe bwo mu nyanja ngari y'Abahinde biri mu kigero gisanzwe bigatuma ingano y'ubuhehere bw'umwuka ujya mu kirere cy'Afurika y'Iburasirazuba ndetse n'u Rwanda ikomeza kuba mu kigero gisanzwe bityo hakaboneka imvura iri ku kigero cy'imvura isanzwe n'ubwo ubuhehere mu nyanja ya Pasifika bwagabanutse.

Ingano y'imvura iteganyijwe hirya no hino mu gihugu muri Mutarama na Gashyantare 2022 :

- **Imvura iri hagati ya milimetero 250 na milimetero 300** iteganyijwe mu turere twa Rusizi na Nyamasheke, iburengerazuba bw'uturere twa Nyaruguru, Nyamagabe na Rutsiro, amajyepfo y'uturere twa Karongi, Ruhango na Gisagara, iburasirazuba bw'akarere ka Nyabihu n'aka Rulindo n'igice gito cy'akarere ka Nyanza na Huye.

- **Imvura iri hagati ya milimetero 200 na milimetero 250** iteganyijwe henshi mu turere twa Nyamagabe, Nyaruguru, Karongi na Huye, amajyepfo ya Muhanga, Nyabihu, Ngororero, Rulindo, Burera na Gakenke, amajyaruguru y'akarere ka Gasabo, igice cy'amajyaruguru y'iburasirazuba y'akarere ka Rutsiro ndetse no mu gice cy'amajyefpo y'uburasirazuba bw'akarere ka Rwamagana.


- **Imvura iri hagati ya milimetero 150 na milimetero 200** iteganyijwe mu mu turere twa Musanze, Rubavu, Kamonyi na Burera, amajyaruguru y'akarere ka Nyabihu, Muhanga, Bugesera, Rulindo, Ngoma na Gicumbi, uduce dusigaye tw'uturere twa Rwamagana, Nyanza, Nyanza, Kicukiro, Gasabo na Nyarugenge.

- **Imvura iri hagati ya milimetero 100 na milimetero 150** iteganyijwe mu Ntara y'Iburasirazuba mu turere twa Nyagatare, Gatsibo, Kayonza, Iburengerazuba bwa karere ka Rwamagana, Bugesera na Kirehe ndetse n'iburengerazuba bwa karere ka Gasabo.




Digitally signed by METEO RWANDA (Director General)

**IKARITA IGARAGAZA INGANO Y'IMVURA ITEGANYIJWE MURI MUTARAMA NA GASHYANTARE 2022 NDETSE N'IMVURA ISANZWE IGWA MURI ICYO GIHE**




*Ikarita 1:* **Imvura iteganyijwe muri Mutarama na Gashyantare 2022**




*Ikarita 2:* **Imvura isanzwe igwa muri Mutarama na Gahyantare**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda), kirashishikariza Abaturarwanda n'abafatanyabikorwa bose gushingira kuri iri teganyagihe mu igenamigambi ryabo rya buri munsi; cyane ko imvura iteganyijwe hamwe ishobora kubangamira imirimo y'isarura.

Abakeneye ibindi bisobanuro birambuye kuri iri teganyagihe n'uburyo ryakoreshwa barasabwa kwegera inzego z'imirimo bakorana hamwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) cyangwa bagahamagara kuri nimero itishyurwa 6080.

Iri teganyagihe rikomeza gukoreshwa ryunganirwa n'irindi risanzwe ritangwa mu gihe cy'ukwezi, iminsi icumi (10), iminsi itanu (5), iminsi itatu (3) ndetse n'iteganyagihe ritangwa buri munsi.

Bikorewe i Kigali, kuwa 06/01/2022.

Digitally signed by METEO RWANDA (Director General)

**Aimable GAHIGI**
**Umuyobozi Mukuru**